# 38: Nowa ku ki wubak' iyo nkuge

1.
Nowa ku ki wubak' iyo nkuge?
Urakor' iby' umupfapfa rwose.
Dor' utuy' imusozi, kandi nta maz' ahari.
Iby' ukora biratuyobeye.

2.
Uwiteka ni we wabivuze,
Yukw abagizi ba nabi bose.
Abujuj' is' i byaha bazamarwa n'amazi.
Ayo maz' azabar' umwuzure.

3.
Bagir' inama yo kubazanya.
None Nowa yab' avug' ukuri.
Bati: Habe na gato, ntidukwiye kwemera,
Twi komeze mu byo kwinezeza.

4.
Igihe na cyo gihita vuba.
Nowa yubakan' umwete rwose.
Bose bamurebaga ni ko bamusekaga
Bati: Noneho Noa yasaze.

5.
Nowa yumvir' Iman' Ihoraho.
Yi njira muri ya nkuge vuba.
Yinjirana n'abandi bagiriw' imbabazi.
Ubw' I man' ibakingir' urugi.

6.
Nukw abantu baraseka cyane.
Bakomanga ku rugi bavuga

Bati:Nowa, sohoka. Iyi mvur' irahita.
Wi tubeshya ng' uri mu rugendo.

7.
Ijuru risa n'iritobotse.
Ubwo ha gw' imvur' itey' ubwoba.
Bati: Tura rimbutse nk'uko Nowa yavuze.
Dor' urupfu ruratuzengutse.

8.
Umv' ukw Imana yabashubije:
Nowa yajyag' abigisha rwose.
Mubi gir' ibikino, mwanga kwumvir' intumwa.
Ni ryo teka muciriwe none.

9.
Nukw amaz' aterura ya nkuge
Ireremba kuri wa mwuzure.
Abicaye mu nkuge bafitemw amahoro,
Kugez' ubwo bazasohokamo.

10.
None natwe dufit' iyo nkuge: N'agakiza twahawe na Yesu. Nib' u shak' amahoro,ngwino wihitiremo, Agakiz' ureke kurimbuka.

Visit us at indirimbo.com